INTEKO Y'UMUCO
RWANDA CULTURAL HERITAGE ACADEMY

# INAMA NYUNGURANABITEREZO

# MU KWIZIHIZA UMUGANURA 2023

"Imurika ry'ubushakashatsi ku muco nyarwanda n'indangagaciro zawo "

**Kigali, ku wa 02 KANAMA 2023**

# IMPAMVU Y'INAMA

Mu rwego rwo kwizihiza Umuganura 2023, Inteko y'Umuco ifatanyije n'Inteko Izirikana bateguye inama nyunguranabitekerezo ku muco nyarwanda n'Indangagaciro zawo. Ni inama ihuza abafatanyabikorwa batandukanye hagamijwe kungurana ibitekerezo byafasha mu kurengera no guteza imbere umuco nyarwanda n'indangagaciro zawo, n'ururimi rw'Ikinyarwanda, nk'imwe mu nshingano y'ibanze y'Inteko y'Umuco.

Muri iyo nama, Inteko y'Umuco izatangariza Abanyarwanda ibyavuye mu bushakashatsi yakoze ku muco nyarwanda n'Indangagaciro zawo mu mwaka wa 2022-2023.

Ubu bushakashatsi buzatangazwa buri mu ngeri eshatu:

- **Igitabo "*Imyambarire y'Abanyarwanda mu ndorerwamo y'umuco n'iterambere*";**
- **Igitabo "*Indangagaciro z'umuco nyarwanda na kirazira mu migani y'imigenurano*";**
- **Igitabo "*Inyoborabatoza y'imbyino gakondo za Kinyarwanda. Igitabo cy'ibanze*".**

# GAHUNDA Y'INAMA

| IGIHE | IGIKORWA | UGISHINZWE |
|---|---|---|
| 9h30-10h00 | Kuhagera kw'abatumirwa | |
| 10h00-10h10 | Ijambo ry'ikaze | Intebe y'Inteko |
| 10h10-10h40 | Ikiganiro ku myambarire no gutangaza igitabo "***Imyambarire y'Abanyarwanda mu ndorerwamo y'umuco n'iterambere"*** | Inteko Izirikana Urayeneza Pontien |
| 10h40-11h00 | Gutangaza igitabo **"*Indangagaciro z'umuco nyarwanda na kirazira mu migani y'imigenurano"*** | Musabeyezu Théogène |
| 11h00- 11h20 | Gutangaza igitabo "***Inyoborabatoza y'imbyino gakondo za Kinyarwanda. Igitabo cy'ibanze"*** | Niyomugaba Jonathan |
| 11h20-11h50 | Kungurana ibitekerezo | Murego Yves |
| 11h50-12h00 | Ijambo risoza | Intebe y'Inteko |
| 12h00 | Gusangira | Inteko y'Umuco |

## Igitabo "*Imyambarire y'Abanyarwanda mu ndorerwamo y'umuco n'iterambere*"

*URAYENEZA Pontien, Inteko y'Umuco*

Muri iki gihe cy'ikoranabuhanga isi igezemo, abantu bagahuza imico yabo byoroshye n'iy'ahandi, hagiye habaho gutira mu mico yo hanze, bikanagaragarira no mu myambarire y' Abanyarwanda uyu munsi. Ibi bituma rimwe na rimwe hari abagaragara bambaye mu buryo butavugwaho rumwe, bamwe bakavuga ko imyambarire ya bamwe muri iki gihe atari iy'i Rwanda; abandi bakavuga ko ijyanye n' iterambere isi igezemo.

Ni muri urwo rwego mu mwaka wa 2022-2023, Inteko y'Umuco yakoze ubushashatsi ku myambarire y'Abanyarwanda. Ubu bushakashatsi bugaragaza uko imyambarire y'Abanyarwanda yagiye ihinduka kuva mbere y'umwaduko w'imyambaro mvamahanga kugeza ubu hibandwa ku isano iri hagati y'imyambarire, umuco n'iterambere. Ibi byose bikaba bigamije gusigasira umuco, amateka n'indangagaciro by'u Rwanda nk'imwe mu nshingano z'ibanze z'Inteko y'Umuco.

Igice cya nyuma cy'ubu bushakashatsi, gikubiyemo ibitekerezo by'Abanyarwanda bari mu ngeri zitandukanye ku myambarire ya bo muri iki gihe. Ibitekerezo bikubiyemo, ntibyibanda ku bwiza bw'imyenda ushingiye ku mabara, ibyo ikozemo, n'imyambarire bivugwa ko igezweho muri iki gihe; ahubwo byibanda ku buryo abantu babona imyambarire: imyambarire iboneye bumva yakomeza kwimakazwa igatozwa abato n' imyambarire igayitse ikwiye kwamaganwa mu muryango nyarwanda.

# INCAMAKE Y'IBIGANIRO

**Igitabo "*Indangagaciro z'umuco nyarwanda na kirazira mu migani y'imigenurano*"**

Musabeyezu Théogène, Inteko y'Umuco

Igitabo *Indangagaciro z'umuco nyarwanda na kirazira mu migani y'imigenurano* ni ubushakashatsi Inteko y'Umuco yakoze ku rurimi rw'Ikinyarwanda, bukaba bufite impu ebyiri:

- Ubuvanganzo nyemvugo bw'imigani y'imigenurano
- Indangagaciro z'umuco nyarwanda

Uyu murimo watekerejwe ugamije gusesengura iyi ngeri y'ubuvanganzo nyemvugo ikungahaye kuri byinshi bigize umuco, kugaragaza inyigisho zirimo ziganisha ku ndangagaciro remezo z'umuco nyarwanda.

Imigani y'imigenurano ni indorerwamo y'ibintu byinshi biri mu muco kuva kera kandi bigenga myinshi mu migenzereze ya benewo ari bo Abanyarwanda. Ibyo ni indangagaciro zabaye amahame ayobora abantu mu ngeri z'ubuzima bwabo uko ibihe byagiye bisimburana kugeza ubu. Uko ibihe bihinduka ni na ko imico, imibereho, imigirire, imibanire n'imyifatire na byo bihinduka, bimwe bigasigara bikibagirana, ibindi bigahindura umujyo uko benebyo basanga bibaboneye.

Ubushakashatsi bwasesenguye imigani y'imigenurano ijyanishijwe n'indangagaciro remezo z'umuco nyarwanda, bwerekana inyigisho ziyirimo zishyigikira indangagaciro remezo n'izizishamikiyeho na kirazira bijyanye. Bwagaragaje ko umuco nyarwanda ugenda uhinduka, bityo ukagenda uhuza indangamuco zawo n'ibihe benewo baba bagezemo.

**Amagambo y'ingenzi:** ubuvanganzo nyemvugo, umugani w'umugenurano, indangagaciro, kirazira

# INCAMAKE Y'IBIGANIRO

## Igitabo "*Inyoborabatoza y'imbyino gakondo za Kinyarwanda. Igitabo cy'ibanze*"

Niyomugaba Jonathan, Inteko y'Umuco

U Rwanda ni igihugu cyateye imbere cyane mu bijyanye n'imbyino gakondo. Gusa muri iki gihe hagiye hagaragara ikibazo cy'ugutakara k'umwimerere w'izo mbyino gakondo zibyinwa n'amatorero anyuranye ndetse n'abana bagenda bazitozwa rimwe na rimwe nabi mu mashuri bigamo kubera ko batozwa nta nyoborabatoza yifashishijwe.

Mu gushakira umuti icyo kibazo no gukomeza guteza imbere ingeri y'ubuhanzi bw'imbyino za kinyarwanda, Inteko y'Umuco ifatanyije n'Urugaga rw'Amatorero y'imbyino gakondo bakusanyije ibitekerezo maze handikwa igitabo cy'Inyoborabatoza b'amatorero y'imbyino gakondo. Ibi byakozwe binyuze mu gukusanya ibitekerezo mu bantu, mu nama nyunguranabitekerezo, mu gukora ubushakashatsi mu bitabo byanditswe hanyuma hakorwa umwiherero wahuje inararibonye mu mbyino gakondo n'abakozi b'Inteko y'Umuco bityo haboneka igitabo cyiswe *"Inyoborabatoza b'imbyino gakondo za Kinyarwanda, igitabo cy'ibanze"*.

Iki gitabo gikubiyemo ibice bibiri by'ingenzi: Igice cya mbere gisobanura inshoza z'ibanze, intego z'igitabo n'uburyo bwifashishijwe mu kwandika iyi nyoborabatoza, hamwe n'uburyo buzakoreshwa mu kuyisakaza. Igice cya kabiri ni *Inyoboratoza nyirizina*: Iki gice kigaruka ku mbyino z'inka n'izerekana ubwiza, imbyino z'imyiyereko, imidiho n'ingeri zihariye. Mu ngingo zisoza hari imbonerahamwe igaragaza incamake y'ibikubiyemo ndetse n'amwe mu mafoto yerekana uko imbyino zinyuranye zibyinwa n'imiserukire yazo. Gisozwa kandi n'amuga mu Kinyarwanda akoreshwa mu mbyino gakondo za Kinyarwanda.

Ni igitabo kizafasha cyane abatoza b'imbyino gakondo ndetse n'amatorero muri rusange kandi kizasakazwa hifashishijwe uburyo butandukanye.

*Rwanda Cultural Heritage Academy/ Inteko y'Umuco*
*Website: www.rwandaheritage.gov.rw*
*Email: info@rwandaheritage.gov.rw*
*P.O Box 630 Butare*